Ubutegetsi bwa Kagame n’Agatsiko ke bwokamwe n’icyaha cy’inkomoko : gusubiza rubanda mu buja ! Kamatari JM

N'iyo baraye inzara bahatirwa kugura inkweto kugira ngo bateze ubucuruzi bwa Kagame imbere ! Ng'iryo iterambere yazaniye u Rwanda !

Iyo witegereje neza uko ubutegetsi bwa Kagame bufata nabi abaturage b’u Rwanda, uhita wiyamira uti icyaha cy’inkomoko ntaho cyagiye ! ***Gushaka GUHAKA abandi… guhaka nabi abaturage b’igihugu cyose*** (exploitation du peuple par une infime minorité au pouvoir) no **KWISHONGORA**. Abaturage barakora bakagorwa, bakicwa n’inzara n’amavunja ari ukugira gusa ngo Agatsiko kifatiye ubutegetsi kabukoreshe mu kwikungahaza birenze igipimo ! Maze ngo nikamara kurengwa kajye kanyara mu kanwa abaturage bakabeshejeho ! Kice abaturage nikarangiza kabyigambe ! Gakeneshe abaturage nikarangiza kabishongoreho ngo igihugu cyageze ku iterambere rikataje!

Ubutegetsi bwa Kagame ntaho butaniye n'**ubuja** bwari bwubakiyeho ingoma ya cyami , aho rubanda yakoraga imirimo yose y'ubucakara n'uburetwa (kubaka amazu y' abategetsi, kubahingira, kubatura, kubataramira…) kandi ibyo byose bigakorwa nta gihembo kindi uretse **ikiboko** !

Ubu rero mu Rwanda Kagame yagaruye ibyo rubanda yari yaranze: **ubuhake, ubuja, uburetwa n'agasuzuguro kabiherekezaga**! Umutungo w'igihugu wose uva mu misoro ya rubanda no mu bikorwa byabo yawugize uwe n'umuryango we gusa: aragura indege ze bwite uko ashatse, aranyaga amasambu abaturage uko abyumva, arabasenyera amazu, arashahura abagabo b'abakene kugira ngo badakomeza kubyara, aracuruza abana b'abakobwa abashumurira abazungu bamuha amafaranga…yose akishyirira mu mufuka we ! Yarangiza agafata indege **buri week-end** akajya gukina Tennis n'abaherwe bo muri Amerika, kandi iyo ndege ikarihwa ibihumbi by'amadorali **asohotse mu isanduku y'igihugu !**

Ubuzima bw'umuturage ntacyo bubwiye Kagame ! Abana barirukanwa mu ishuri kuko igihugu cyanze kubafasha, baricwa n'inzara n'indwara z'amoko yose …mu gihe Kagame yiberaho nka **CYARADAMARAYE** ! Igishishikaza Kagame ni ukumenya umubare w'amafaranga umuturage yakwinjiza kuri konti ye bwite , naho ubundi nta kindi apfana n'izo **NJIJI** nk'uko yigeze kwita abaturage kera akiri ku rugamba ubwo yahaga Inkotanyi ze itegeko ryo kujya batsemba abaturage bose basanze ku nzira ngo kuko iyo babonaga Inkotanyi ziteye bahuruzaga abasilikari ba Habyarimana!

Nibyo koko na n'uyu munsi Kagame abona Abenegihugu bose nk'**INJIJI**. Ariko rero nanjye iyo ndebye nsanga koko Abanyarwanda twese(uretse Kagame n'Agatsiko ke) turi **INJIJI** mbi ! Iyo tutaza kuba **INJIJI** nk'uko Kagame atubona, ntitwajyaga kwihanganira kuyoborwa n'Umwicanyi n'umujura nka Kagame ngo imyaka ibe ibaye 18! Turi **INJIJI** pe ! Turi **INJIJI** mbi cyane ,nanjye ndabyemeye! Uzi ko biteye ubwoba !Turacyari **INJIJI** kandi tuzakomeza tube **INJIJI** kugeza umunsi twiyemeje kurya karungu tugahagurukira rimwe tukavudukana uriya mutindi n'Agatsiko ke k'Abasajya b'abicanyi n'abambuzi badasiba kutunyara hejuru!

Bene ubu butegetsi umuntu yabwita ngo iki?

Hari igihe kigera abana bari kubyiruka (imyaka 13-17)bagakunda ibiryo cyane ! Baba babiterwa n'uko umubiri wabo uba urimo guhinduka cyane(kubyibuha, kumera amabere, amabuno, ibyaziha….) bityo ukaba ukeneye ingufu nyinshi ! Abo bana nta kindi kigaruka mu biganiro byabo uretse IBIRYO! Ntacyo batakora ngo babone icyo barya! Nyabuna abashinzwe urwo rubyiruko mujye mukora uko mushoboye kose mubahe icyo barya gihagije!

Kagame na we ameze nk'abo bana! Wagira ngo ni umuntu wishwe n'inzara igihe kirekire cyane ku buryo atazigera abona ibimuhaza! Arasahura ntaruha! Arashaka kurya igihugu cyose wenyine gusa ! Ikibazo ni uko mbona atanashyira uturaso ku mubiri ! Mu by'ukuri Kagame ni umurwayi : arwaye **INZARA** ! Iyi ndwara ni nshya kuko nta wundi mutegetsi w'u Rwanda twigeze kubona usonzeye iby'isi ku buryo bukabije nka Paul Kagame! Azahaga ryari? Iyi ndwara nta wundi muti igira uretse gufata uyirwaye agafungirwa kure y'abantu bazima kugira ngo nabo atabanduza iyo ndwara mbi cyane y'inzara, yica benshi kurusha na za SIDA ! Ubu **BUTEGETSI BW'INZARA** bushingiye kuri Kagame bukaba bumaze kuyogoza Akarere k'Ibiyaga bigari nibudahagurukirwa ngo bucibwe mu Rwanda bityo bugende nk'ifuni iheze, buracyisasira imirambo itabarika!

Uko byamera kose, Abanyarwanda nibakomeza kurebera Kagame azagera aho ajye arya n'abantu! Ubundi se kubarya kundi ni ukuhe birenze kwicisha inzara abana bato ashinzwe ? Kurya Abenegihugu birenze kubicira ubusa abahora ko ashaka kubambura udusambu twabo ngo umugore we Janeti abone aho ahinga indabo azagurisha mu Bazungu ! Naragenze ndabona!

Umwanzuro

Gusubiza Abanyarwanda mu buja ni yo politiki yonyine Kagame azi kandi niyo ateganya gukomeza gushyira mu bikorwa yifashishije ikinyoma n'iterabwoba ! Ubu rero nitwe dukwiye kureba niba twemeye gukomeza kuba **INJIJI** z'abacakara mu gihugu cyacu cyangwa niba twahaguruka tukivumbura ku butegetsi bw'aka Gatsiko, tugashyiraho Leta yubahiriza **ukwishyira ukizana** (liberté) no **kureshya ku banyarwanda bose** (égalité). Njye rwose ndumva intege zo gukomeza kwihanganira akarengane kagirirwa rubanda muri iki gihugu zinshiranye,

uwankoraho ngo twivumbagatanye, duhirike aba **Banyendandende** batugize imbohe, namukurikira ntazuyaje! Ndategereje !

Kamatari JM

Kigali.

http://www.leprophete.fr/2012/01/03/ubutegetsi-bwa-kagame-n-agatsiko-ke-bwokamwe-n-icyaha-cy-inkomoko-gusubiza-rubanda-mu-buja-kamatari-jm/